

**IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAME Jeannette KAGAME
MU MUNSI MUKURU WA “ COMMUNAUTE DE VIE
CHRETIENNE-CVX” mu RWANDA
Green Hills, Kuwa 5 Ukuboza 2014**

**Nyakubahwa Padiri Ganza, Umuyobozi w'Umuryango
w'abayezuwiti mu Rwanda no mu Burundi,**

Banyakubahwa mwese muri hano,

**Bavandimwe banyamuryango ba Communauté de Vie
Chretienne(CVX)**

Mwiriweho ?

Nishimiye kubana namwe kuri uyu mugoroba mu muhango wo gutera inkunga Centre IREME no kuganira ku buzima-buzima muvoma muri CVX.

Ndagira ngo mbanze nshimire ababiteguye, nshimire nanone imiryango cyangwa abantu ku giti cyabo bamaze gutera inkunga Centre IREME, kandi nizera ko bizakomeza.

Turashima iki gikorwa ariko by'umwihariko, turashima abatekereje kandi bagashyiraho uyu muryango ; baba abakiriho ndetse n'abatabarutse.

Uyu muryango mwatangije ufite umuhamagaro (mission) ukubiye muri aya magambo « *En tout, aimer et servir* ». Ngenekereje mu Kinyarwanda nti « Muri byose, Urukundo n'Ubwitange ».

Iyi nteruro ibaranga ihura cyane nicyo ijambo ry'Imana rivuga muri Yohani, wa 1 umutwe wa 4 umurongo wa 7 n' uwa 8. Aho Imana idutoza urukundo kuko ruyikomokaho. Tukongera kandi tukabihuza no guhitamo kwacu nk'Abanyarwanda, nyuma y'ibikomere by'amateka twanyuzemo , igihe twiyemeza guhitamo Ubumwe, umurimo no gukunda igihugu.

Twahisemo kuba umwe kuko Imana yaturemye mu ishusho ryayo. Twe tunagira Imana nk'Abanyarwanda kuko yaduhaye byinshi duhuriyeho.

Icyemezo cyo kuba umwe ntiyari cyoroshye mu bantu bari bavuye mu amateka mabi twanyuzemo. Aha rero nkaba nshima cyane uruhare rw'imiryango nka CVX, kuko mwafashije gusana imitima no kugarura urukundo mu bantu.

Umuryango ariko nanone ntiwarangwa gusa no kunga ubumwe cyangwa gukundana udakora ngo witeze imbere. Niyo mpamvu nk'igihugu twahisemo umurimo, kugira ngo twuzuze inshingano Imana yaduhaye mu ijamba ryayo rigira riti « *Twana twanjye, ntitugakundane mu magambo no ku rurimi, ahubwo mu bikorwa no mu kuri (1 Jean 3 :18)*. Ibi iyo tubikoze kandi tuba duhinduye isi, duhereye ku Rwanda.

Twahisemo rero no gukunda igihugu, kuko ukunda igihugu akunda benecyo, akarinda ibyo bagezeho, akanabahesha agaciro nkuko Imana yabaremye, maze ikuzo rya Nyagasani rikagaragara koko

CVX ifite aho ikomora kandi ibikorwa by'indashyikirwa, kuko ishingiyeye ku kwemera kw'Abayezuwiti gushimangirwa n'ihame rigira riti « *Faire tout pour la plus grande gloire de Dieu* » bishatse kuvuga ngo « Byose kubera icyubahiro n'Ikuzo ry'Imana ».

Tuzi neza ko abanyamuryango ba CVX bari mu byiciro byose : abakiri bato, ababyeyi, abasheshe akanguhe, abanyeshuri, abakozi n'abandi. Ariko mwese icyo muhuriyeho ni uko, muri Abanyarwanda bashaka impinduka nziza mu gihugu cyacu, mubicishije mu kubaho ubuzima bwanyu bwa gikirisitu.

Muri iyi myaka 20 igihugu cyacu kimaze kiyubaka, twahanganye n'ibibazo bitandukanye kandi by'ingutu. Harimo kubanisha abanyarwanda, kuzamura imibereho yabo, komora ibikomere, ndetse no guhangana n'icyorezo cya SIDA cyatumaga dutakaza benshi, kandi muzi ko abantu arizo mbaraga n'ubukungu u Rwanda dufite

Kuba mwarihayeho intego yo kwita no gukorana n'ababana na Virusi itera SIDA ariyo twita VIH, mu mahame sana-mitima binyuze muri Centre IREME rero, ni kimwe mu bisubizo mwatanze bigaragaza rwa rukundo, kwitanga no kubaha icyo Imana idushakaho. Centre IREME irerekana ubumwe, ubwitange n'urukundo mukunda igihugu, kuko mwagihaye inkunga yo kwita ku babana na VIH.

Kwita kuri abo bantu, kubatega amatwi, kubatinyura, kubafasha kwiyakira, kwiyubaka no kwigira, ni inkunga ikomeye. Turabashimira rero kuko mwatekereje ahari hakenewe ingufu mufatanije n'abagenerwabikorwa babemereye, bakabafasha kubafasha. Aha rero turabashimira ko mwashyize mu bikorwa ivanjiri aho Yezu avuga ati « ibyo mwagiriye abavandimwe banjye baciye bugufi, nijye mwabaga mubigiriye » (Matayo 25 : 40).

N'ubwo tumaze gutera intambwe muri gahunda yo kurwanya no guhangana n'icyorezo cya SIDA inzira iracyari ndende. Nk'igihugu, twihaye intego yo kwirinda ko hagira abantu bashya bandura Virusi itera SIDA (VIH) ariko haracyari imbogamizi, ku buryo hagikenewe, ko imiryango nk'uyu wa CVX n'indi miryango ya societe civile yafashamo ubuyobozi bw'igihugu cyacu. Hari ibikorwa byo :

- Gukangurira ababyeyi batwite kwipimisha inda hakiri kare, kujya muri gahunda ifasha ababyeyi banduye kutanduza abana batwite, konsa no

gukurikirana abana bavuka kuri abo babyeyi kugeza ku mezi 18 : muri iyi gahunda haracyari imbogamizi z'ababyeyi batwite batinda kwipimisha, uruhare rw'abagabo rukiri ruto cyane kuko ahenshi umugabo azana n'umugore bwa mbere aje kwipimisha ntibongere kugarukana. Nyamara muri urwo rugendo rw'amezi 18 ,umugabo agomba guherekeza umugore kuko hari ingamba baba bagomba gufatira hamwe, bagiriwe inama na muganga, niba bifuza ko wa mwana atazavukana ubwandu.

- Kurinda urubyiruko kwandura Virusi itera SIDA no kwishora mu mibonano mpuzabitsina imburagihe. Hakenewe kongerwa ingufu mu kwigisha urubyiruko guha agaciro ubuzima bwabo, umubiri wabo ndetse no kubigisha indangagaciro (dignified values).

Turi hano nk'abakristu bafite umuhamagaro wo guhindura isi, bamwe turi ababyeyi, abandi bazababa, nagirango twongere twiyemeze kwita ku bakiri bato bo mbaraga z'igihugu cyacu.

Iyo dusesenguye usanga nta buryo buri modele bwo kurera abana buhari, aha tukaba twanavuga ko hari ibanga Imana yaduhishe cyangwa se ni amayobera kuko hari ababyeyi bagerageza kurera neza no gukorera ibyangombwa byose abana babo ariko ntibibahire, hari n'abandi badakora byinshi ariko abana babo bakavamo abantu bazima.

Ibi biratuma nongera gusaba imiryango nk'iyi, by'umwihariko CVX gukangurira ababyeyi kwita ku bana bakiri bato, kubabonera umwanya, kuganira nabo ariko cyane cyane kumenya ubuzima umwana wawe arimo, inshuti afite, ibyo akunda, kumufasha kwiha icyerekezo no gushyiraho ingamba zo kubirinda. Kandi ibi bikaba mu buzima bwacu bwa buri muni nubwo bigoye kumenya mbere, ngo ese uyu mwana azaba ate cyangwa

azitwara ate. Ibi bituma ababyeyi hari ubwo dufata ingamba ari uko « *amazi yarenze inkombe* ».

Mu kinyarwanda bavuga ko ibyaye ikiboze ikirigata, ariko akenshi siko bigenda, kuko usanga iyo duhuye n'ikibazo nakwita cyo kurumbya, tubura uko tubyifatamo, bikatugora kubyemera, ndetse turanabihishira, nyamara tubivuze, ushobora gusanga hari abo bifashije kwirinda. Ikindi kandi icyo ni cyo gihe umwana aba akeneye ko umwitaho mu buryo bwuje urukundo. Aha nagirango nka CVX, umuryango wa gikristu, muzagire uruhare rwo guhindura iyo myumvire haba mu buryo bw'amasengesho cyangwa ubukangurambaga.

Abakiri bato nabo kandi bumve ko bafite inshingano zo gufasha ababyeyi kubarera, nabo bashobora kwiremamo abantu bazima kandi birashoboka kuko dufite ingero. Kugira uruhare mu bibakorerwa, kwemera kurerwa no kumvira ababyeyi nkuko itegeko rya kane ry'Imana ribidutegeka, kuko abantu ba mbere babakunda kandi babifuriza icyiza ni ababyeyi banyu.

Byaragaragaye ko CVX ku isi hose irangwa no gutekereza aho rukomeye (*s'intéresser aux problèmes de frontière*). Ntidushidikanya rero ko mu mahame sana-mitima (approches spirituelles) mukoresha ; mu ihame ryo gushakashaka no kubona Imana rya Mutagatifu Ignace wa Loyola, ndetse mwifashishije imyitozo yubaka roho (exercice spirituel) ; muzafasha kandi mukigisha Abanyarwanda gushimangira Ubunyarwanda no gukunda u Rwanda. Ndizera kandi ntashidikanya ko byanababera inzira n'impamba ikomeye yo gushakashaka no kubona Imana muri byose koko.

Nimukomeze ibikorwa byiza mwatangiye kandi mubikwirakwize hose.

Murakoze, mugire umugoroba mwiza